| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO Nº 60/2018 RYO KU WA 22/8/2018 RYEREKEYE GUKUMIRA NO GUHANA IBYAHA BIKORESHEJWE IKORANABUHANGA** | **LAW Nº 60/2018 OF 22/8/2018 ON PREVENTION AND PUNISHMENT OF CYBER CRIMES** | **LOI Nº 60/2018 DU 22/8/2018 PORTANT PRÉVENTION ET RÉPRESSION DE LA CYBERCRIMINALITÉ** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije** | **Article One: Purpose of this Law** | **Article premier: Objet de la présente loi** |
| **Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko** | **Article 2: Scope of this Law** | **Article 2: Champ d'application de la présente loi** |
| **Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo** | **Article 3: Definitions** | **Article 3: Définitions** |
| **UMUTWE WA II: GUKUMIRA IBYAHA BIKORESHEJWE IKORANABUHANGA** | **CHAPTER II: PREVENTION OF CYBERCRIMES** | **CHAPITRE II: PRÉVENTION DE LA CYBERCRIMINALITÉ** |
| **Icyiciro cya mbere: Inshingano z'utanga serivisi** | **Section One: Obligations of service provider** | **Section première: Obligations d'un fournisseur de services** |
| **Ingingo ya 4: Inshingano rusange z'utanga serivisi** | **Article 4: General obligations of service provider** | **Article 4: Obligations générales d'un fournisseur de services** |

**<u>Ingingo ya 5</u>: Inshingano z'utanga serivisi igihe habayeho ikoreshwa rya mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa cyangwa ry'umuyoboro w'itumanaho koranabuhanga rinyuranyije n'amategeko**

**<u>Ingingo ya 6</u>: Inshingano z'utanga serivisi mu bijyanye n'amakuru cyangwa ibikorwa binyuranyije n'amategeko**

**<u>Icyiciro cya 2:</u> Kurinda ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye**

**<u>Ingingo ya 7</u>: Kurinda ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye**

**<u>UMUTWE WA III</u>: IPEREREZA RY'IBYAHA BIKORESHEJWE IKORANABUHANGA**

**<u>Ingingo ya 8</u>: Inshingano yo gufatanya n'inzego zishinzwe iperereza**

**<u>Ingingo ya 9</u>: Gusaka no gufatira**

**<u>Ingingo ya 10</u>: Kwinjira cyangwa gukura kopi y'amakuru abitse muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasobwa nyuma y'ifatira**

**<u>Ingingo ya 11</u>: Guhishura amakuru**

**<u>Article 5</u>: Obligations of service provider in case of illegal use of computer, computer system or electronic communications 'network**

**<u>Article 6</u>: Obligations of a service provider in respect of illegal information or activities**

**<u>Section 2</u>: Protection of critical information infrastructure**

**<u>Article 7</u>: Protection of critical information infrastructure**

**<u>CHAPTER III</u>: INVESTIGATION OF CYBERCRIMES**

**<u>Article 8</u>: Obligation to collaborate with organs in charge of investigations**

**<u>Article 9</u>: Search and seizure**

**<u>Article 10</u>: Accessing or retrieving a copy of computer or a computer system data on the system after seizure**

**<u>Article 11:</u> Disclosure of data**

**<u>Article 5</u>: Obligations du fournisseur de services en cas d'utilisation illégale d'un ordinateur, d'un système informatique ou d'un réseau de communication électronique**

**<u>Article 6</u>: Obligations d'un fournisseur de services à l'égard d'informations ou d'activités illégales**

**<u>Section 2</u>: Protection de l'infrastructure d'information critique**

**<u>Article 7</u>: Protection de l'infrastructure d'information critique**

**<u>CHAPITRE III</u>: ENQUÊTE DE LA CYBERCRIMINALITÉ**

**<u>Article 8</u>: Obligation de collaborer avec les organes chargés des enquêtes**

**<u>Article 9</u>: Perquisition et saisie**

**<u>Article 10</u>: Accès ou extraction d'une copie des données d'un ordinateur ou d'un système informatique sur le système après la saisie**

**<u>Article 11</u>: Dévoiler les données**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 12: Kubungabunga mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa** | **Article 12: Preservation of computer or computer system** | **Article 12: Préservation d'un ordinateur ou d'un système informatique** |
| **Ingingo ya 13: Guhishura no kwegeranya amakuru anyuzwa mu muyoboro koranabuhanga** | **Article 13: Disclosure and collection of electronic traffic data** | **Article 13: Dévoiler et collecter les données du trafic électronique** |
| **Ingingo ya 14: Icyemezo cy'urukiko** | **Article 14: Court order** | **Article 14: Ordonnance de la juridiction** |
| **Ingingo ya 15: Kwemererwa gukoresha uburyo bwa gihanga** | **Article 15: Authorization to use a forensic method** | **Article 15: Autorisation d'utilisation d'une méthode médico-légale** |
| **UMUTWE WA IV: IBYAHA N'IBIHANO** | **CHAPTER IV: OFFENCES AND PENALTIES** | **CHAPITRE IV: INFRACTIONS ET PEINES** |
| **Icyiciro cya mbere: Ibyaha bibangamiye ubuzima bwite, umwimerere no gufata neza amakuru na mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa** | **Section One: Offences against the confidentiality, integrity and availability of data and computer or computer system** | **Section première: Infractions contre la confidentialité, l'intégrité et la disponibilité des données et d'un ordinateur ou d'un système informatique** |
| **Ingingo ya 16: Kugera mu buryo butemewe ku makuru abitse muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasobwa** | **Article 16: Unauthorized access to a computer or a computer system data** | **Article 16: Accès non autorisé aux données d'un ordinateur ou d'un système informatique** |
| **Ingingo ya 17: Kugera ku makuru hagambiriwe gukora icyaha** | **Article 17: Access to data with intent to commit an offence** | **Article 17: Accès aux informations avec intention de commettre une infraction** |
| **Ingingo ya 18: Guhindura amakuru yo muri mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa utabyemerewe** | **Article 18: Unauthorized modification of computer or computer system data** | **Article 18: Modification non autorisée de données d'un ordinateur ou d'un système informatique** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 19: Kumviriza mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa** | **Article 19: Interception of computer or computer system** | **Article 19: Interception d'un ordinateur ou d'un système informatique** |
| **Ingingo ya 20: Kwangiza cyangwa kubuza kwinjira muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasobwa** | **Article 20: Damaging or denying access to a computer or computer system** | **Article 20: Endommager ou refuser l'accès à un ordinateur ou au système informatique** |
| **Ingingo ya 21: Gutanga urufunguzo banga mu buryo butemewe n'amategeko** | **Article 21: Unauthorized disclosure of access code** | **Article 21: Dévoiler le code d'accès de façon non autorisée** |
| **Ingingo ya 22: Gukomeza gukoresha mu buriganya urusobe rw'ihererekana ry'amakuru rwikoresha cyangwa rutikoresha** | **Article 22: Continuous fraudulent use of an automated or non-automated data processing system of another person** | **Article 22: Utilisation frauduleuse continue d'un système de traitement de données automatisé ou non automatisé d'une autre personne** |
| **Ingingo ya 23: Kubuza cyangwa kuyobya amakuru abitse mu rusobe rw'ihererekana ry'amakuru rwikoresha cyangwa rutikoresha** | **Article 23: Preventing or misguiding the running automated or non-automated data processing system** | **Article 23: Empêcher ou brouiller un système automatisé ou non automatisé de traitement de données** |
| **Ingingo ya 24: Kwinjira mu makuru abitse muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasobwa** | **Article 24: Access to a computer or computer system data** | **Article 24: Accès aux données d'un ordinateur ou d'un système informatique** |
| **Ingingo ya 25: Gukora, kugurisha, kugura, gukoresha, gutumiza mu mahanga, gukwirakwiza, gutunga mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa, cyangwa amakuru abitse muri mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa mu buryo butemewe n'amategeko** | **Article 25: Unlawful manufacturing, selling, buying, use, import, distribution or possession of a computer or computer system or computer or computer system data** | **Article 25: Fabrication, vente, achat, utilisation, importation, distribution ou possession illégaux d'un ordinateur ou d'un système informatique ou des données d'un ordinateur ou d'un système informatique** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Kwakira cyangwa gutanga uburyo bwo kubona porogaramu cyangwa amakuru bya mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa mu buryo butemewe** | **<u>Article 26</u>: Unauthorized reception or giving of access to a computer or computer system program or data** | **<u>Article 26:</u> Recevoir un programme ou données d'un ordinateur ou d'un système informatique ou y donner accès sans autorisation** |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Iyandikisha ry'izina ndangarubuga ku buryo butemewe** | **<u>Article 27</u>: Cyber-squatting** | **<u>Article 27</u>: Cyber-squattage** |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Ibikorwa binyuranije n'amategeko mu bijyanye na porogaramu igamije kwangiza cyangwa kwiba** | **<u>Article 28</u>: Unlawful acts in respect of malware** | **<u>Article 28</u>: Actes illégaux relatifs aux logiciels malveillants** |
| **<u>Icyiciro cya 2:</u> Ibyaha byerekeye umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare no gutanga icyemezo** | **<u>Section 2:</u> Offences related to digital signature and certification** | **<u>Section 2:</u> Infractions liées à la signature numérique et à la certification** |
| **<u>Ingingo ya 29:</u> Gutanga amakuru atari yo no gukura amakuru ku cyemezo** | **<u>Article 29:</u> Misrepresentation and suppression** | **<u>Article 29:</u> Fausse déclaration et suppression** |
| **<u>Ingingo ya 30:</u> Icyemezo cy'umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare cy'igihimbano** | **<u>Article 30:</u> False digital signature certificate** | **<u>Article 30:</u> Faux certificat de signature numérique** |
| **<u>Ingingo ya 31:</u> Gukoresha mu buriganya umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare** | **<u>Article 31:</u> Fraudulent use of digital signature** | **<u>Article 31:</u> Utilisation frauduleuse de la signature numérique** |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Ibyaha bijyanye na mudasobwa** | **<u>Section 3</u>: Computer-related offences** | **<u>Section 3</u>: Infractions liées à l'informatique** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 32: Kwigana ibijyanye na mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa** | **Article 32: Computer- or computer system-related forgery** | **Article 32: Falsification en rapport avec un ordinateur ou un système informatique** |
| **Ingingo ya 33: Guhindura ibiranga igikoresho cya mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa** | **Article 33: Changing computer or computer system equipment identity** | **Article 33: Modification de l'identité de l'équipement d'un ordinateur ou d'un système informatique** |
| **Icyiciro cya 4: Ibyaha byerekeye ireme ry'ibinyuzwa kuri mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa** | **Section 4: Offences related to the content of computer and computer system** | **Section 4: Infractions liées au contenu d'un ordinateur ou d'un système informatique** |
| **Ingingo ya 34: Gushyira ahagaragara amashusho yerekeranye n'imikoreshereze y'ibitsina hakoreshejwe mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa** | **Article 34: Publication of pornographic images through a computer or a computer system** | **Article 34: Publication des images pornographiques à travers un ordinateur ou un système informatique** |
| **Ingingo ya 35: Kubuza amahwemo hakoreshejwe mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa** | **Article 35: Cyber-stalking** | **Article 35: Cyber-harcèlement** |
| **Ingingo ya 36: Uburiganya bugamije kumenya amakuru y'undi muntu** | **Article 36: Phishing** | **Article 36: Phishing** |
| **Ingingo ya 37: Kohereza ubutumwa budakenewe** | **Article 37: Spamming** | **Article 37: Spamming** |
| **Ingingo ya 38: Gutangaza amakuru y'urukozasoni hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga** | **Article 38: Publishing indecent information in electronic form** | **Article 38: Publication d'informations indécentes sous forme électronique** |
| **Ingingo ya 39: Gutangaza amakuru y'ibihuha** | **Article 39: Publication of rumours** | **Article 39 : Publication des rumeurs** |

| | | |
|---|---|---|
| <u>Ingingo ya 40:</u> Kwiyitirira umwirondoro | <u>Article 40:</u> Impersonation | <u>Article 40:</u> Usurpation d'identité |
| <u>Icyiciro cya 5</u>: Ibyaha bijyanye n'iterabwoba, icuruzwa ry'abantu, cyangwa iry'ibiyobyabwenge bikoreshejwe mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa | <u>Section 5</u>: Offences related to terrorism, trafficking in persons or narcotics committed using a computer or a computer system | <u>Section 5</u>: Infractions liées au terrorisme, au trafic des personnes ou de stupéfiants commises à l'aide d'un ordinateur ou d'un système informatique |
| <u>Ingingo ya 41</u>: Gushyiraho cyangwa gutangaza urubuga rw'agatsiko k'abakora iterabwoba | <u>Article 41</u>: Creation or publication of a site for terrorist groups | <u>Article 41</u>: Création ou publication d'un site pour les groupes terroristes |
| <u>Ingingo ya 42</u>: Gushyiraho cyangwa gutangaza urubuga hagamijwe icuruzwa ry'abantu | <u>Article 42</u>: Creation or publication of a site for the purpose of trafficking in persons | <u>Article 42</u>: Création ou publication d'un site dans le but de traite des personnes |
| <u>Ingingo ya 43</u>: Gushyiraho cyangwa gutangaza urubuga hagamijwe icuruzwa cyangwa ikwirakwiza ry'ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo | <u>Article 43</u>: Creation or publication of a site for the purpose of trafficking or distributing drugs or narcotics | <u>Article 43</u>: Création ou publication d'un site dans le but de trafic ou de distribution de drogues ou de stupéfiants |
| <u>Icyiciro cya 6</u>: Ibyaha byerekeye urusobe koranabuhanga bikozwe n'abatanga serivisi | <u>Section 6</u>: Cyber offences committed by service providers | <u>Section 6</u>: Infractions informatiques commises par les fournisseurs de services |
| <u>Ingingo ya 44</u>: Gutanga amakuru wahawe n'undi muntu | <u>Article 44</u>: Disclosure of data made available to third party | <u>Article 44:</u> Divulgation des données mises à la disposition de tiers |
| <u>Ingingo ya 45</u>: Gutuma mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa bigerwaho, byohereza cyangwa bikoresha uburyo koranabuhanga kuri mudasobwa | <u>Article 45</u>: Provision of access to a computer or computer system or cause them to send or use electronic content on | <u>Article 45</u>: Fournir l'accès à un ordinateur, à un système informatique, les faire transmettre ou utiliser le contenu |

| | | |
|---|---|---|
| **cyangwa urusobe rwa mudasobwa by'undi muntu** | **another person's computer or computer system** | **électronique sur un ordinateur ou un système informatique d'autrui** |
| **<u>Ingingo ya 46</u>: Kudakuraho cyangwa gutuma amakuru abitse mu buryo butemewe n'amategeko agerwaho** | **<u>Article 46</u>: Refusal to remove or disable access to illegal information stored** | **<u>Article 46</u>: Défaut de supprimer ou de désactiver l'accès aux informations illégales stockées** |
| **<u>Ingingo ya 47:</u> Kutamenyesha ibyaha byakoreshejwe ikoranabuhanga byakozwe** | **<u>Article 47:</u> Non reporting of cyber threats incident** | **<u>Article 47:</u> Défaut de déclaration de l'incident de cyber-menaces** |
| **<u>Ingingo ya 48</u>: Ibyaha byerekeranye n'amakuru abitse** | **<u>Article 48</u>: Offences related to stored information** | **<u>Article 48</u>: Infractions liées à l'information stockée** |
| **<u>Ingingo ya 49</u>: Ibisubizo by'ishakisha bitemewe n'amategeko** | **<u>Article 49</u>: Illegal search results** | **<u>Article 49</u>: Résultats de recherche illégaux** |
| **<u>Ingingo ya 50</u>: Kudafata ingamba zo guhagarika isakara ry'amakuru** | **<u>Article 50</u>: Failure to take action on take-down notification** | **<u>Article 50</u>: Défaut de prendre des mesures en cas de notification de retrait** |
| **<u>Icyiciro cya 7</u>: Ingingo zihuriweho ku byaha byose** | **<u>Section 7</u>: Common provisions to all offences** | **<u>Section 7</u>: Dispositions communes à toutes les infractions** |
| **<u>Ingingo ya 51:</u> Ibihano bihabwa ikigo gikora ubucuruzi cyakoze icyaha** | **<u>Article 51:</u> Penalties imposed on a business entity having committed an offence** | **<u>Article 51:</u> Sanctions imposées à une entité commerciale ayant commis une infraction** |
| **<u>Ingingo ya 52</u>: Ibihano by'inyongera** | **<u>Article 52</u>: Additional penalties** | **<u>Article 52</u>: Peines supplémentaires** |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 53: Amabwiriza agenga umutekano w'urusobe rwa mudasobwa** | **Article 53: Regulations on cyber security** | **Article 53: Règlements sur la cyber-sécurité** |
| **Ingingo ya 54: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 54: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 54: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 55: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 55: Repealing provision** | **Article 55: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 56: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 56: Commencement** | **Article 56: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO Nº 60/2018 RYO KU WA 22/8/2018 RYEREKEYE GUKUMIRA NO GUHANA IBYAHA BIKORESHEJWE IKORANABUHANGA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 31 Gicurasi 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo**,** iya 29, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 120 n'iya 176;

**LAW Nº 60/2018 OF 22/8/2018 ON PREVENTION AND PUNISHMENT OF CYBER CRIMES**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 31 May 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 29, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 120 and 176;

**LOI Nº 60/2018 DU 22/8/2018 PORTANT PRÉVENTION ET RÉPRESSION DE LA CYBERCRIMINALITÉ**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 31 mai 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 29, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 120 et 176;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigamije gukumira no guhana ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga.

**Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko**

Iri tegeko rireba ibyaha byose bikoreshejwe ikoranabuhanga byakorewe mu Rwanda cyangwa hanze y'u Rwanda igihe ingaruka zabyo zageze mu Rwanda.

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **amakuru abitse muri mudasobwa:** ikimenyetso, amakuru cyangwa igitekerezo kiri mu mu buryo bugifasha kugitunganya biri mu rusobe rwa mudasobwa cyangwa muri mudasobwa, harimo porogaramu yatuma mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa bikora umurimo, inyandiko koranabuhanga cyangwa ubutumwa

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law aims at preventing and punishing cyber-crimes.

**Article 2: Scope of this Law**

This Law applies to all cyber-crimes which are committed in Rwanda or outside Rwanda if such offences have produced effect in Rwanda.

**Article 3: Definitions**

As used in this Law, the following terms have the meanings ascribed to them below:

1° **computer data:** any representation of facts, information or concepts in a form suitable for processing in a computer system or a computer including a program suitable to cause a computer or a computer system to perform a function, electronic documents or electronic data

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi a pour objet la prévention et la répression de la cybercriminalité.

**Article 2: Champ d'application de la présente loi**

La présente loi s'applique à tous les crimes cybernétiques qui sont commis à l'intérieur du Rwanda ou à l'extérieur du Rwanda si ces crimes ont produit leurs effets au Rwanda.

**Article 3: Définitions**

Dans la présente loi, les termes suivants ont les significations suivantes:

1° **données informatiques:** toute représentation de faits, d'informations ou de concepts sous une forme adaptée au traitement dans un système informatique ou un ordinateur y compris un programme adapté pour faire fonctionner un ordinateur ou système informatique, des documents électroniques ou des messages de

bw’amakuru koranabuhanga bwaba bubitse mu rusobe rwa mudasobwa cyangwa kuri murandasi;

2° **ibikorwaremezo by’ikoranabuhanga byihariye:** ibikorwaremezo byifashisha ikoranabuhanga mu gutanga serivisi ku baturage kandi bifite uruhare rukomeye ku iterambere ry’ubukungu, imibereho myiza n’umutekano by’Igihugu;

3° **ishakiro yobora:** urusobe rwa porogaramu rugenewe gushakisha cyangwa kugaragaza amakuru ajyanye n’ijambo ry’ingenzi ryanditswe ku rubuga rwa murandasi;

4° **itumanaho:** ihererekanya ry’amakuru rinyujijwe mu bikoresho by’Ikoranabuhanga mu Itangazabumenyi n’Itumanaho;

5° **kumviriza:** kumva, gufata amajwi, gukurikirana cyangwa kugenzura ibikubiye mu biganiro, harimo gutanga ibigize amakuru, byaba ku buryo butaziguye, binyujijwe ku kwinjira muri mudasobwa cyangwa gukoresha urusobe rwa mudasobwa cyangwa ku buryo buziguye, hakoreshejwe ibikoresho koranabuhanga byagenewe kumviriza cyangwa gufata amajwi, mu gihe ikiganiro kiri gukorwa;

messages whether stored in local computer systems or online;

2° **critical information infrastructure:** virtual and physical information systems that provide services to the citizens and serve as a backbone of development of the national economic, social and security life;

3° **search engine:** a software system that is designed to search for or identify information that corresponds to key words on the World Wide Web;

4° **communication:** the transmission of information through Information Communication Technology media;

5° **interception:** listening to, recording, monitoring or surveillance of the content of communications, including procuring of the content of data, either directly, through access and use of a computer or a computer system or indirectly, through the use of electronic eavesdropping or tapping devices, when communication is occurring;

données électroniques, qu’ils soient stockés dans des systèmes informatiques locaux ou en ligne;

2° **infrastructures d’information critiques:** systèmes d’informations virtuels et physiques qui fournissent des services aux citoyens et servent de pivot à l’éclosion de la vie économique, sociale et sécuritaire du pays;

3° **moteur de recherche:** système logiciel conçu pour chercher ou identifier des informations qui correspondent aux mots clés sur le World Wide Web;

4° **communication:** transmission de l’information par le biais des médias de la Technologie de l’Information et de la Communication;

5° **interception:** écoute, enregistrement, contrôle ou surveillance du contenu des communications, y compris la fourniture du contenu des données, soit directement, par l’accès et l’utilisation d’un ordinateur ou d’un système informatique, soit indirectement, par l’utilisation d’appareils électroniques d’écoute ou de taraudage, en même temps que la communication se produit;

6° **mudasobwa**: igikoresho koranabuhanga, gikora ku buryo bw'amashanyarazi, bwa rukuruzi, bubonesha, bw'amashanyarazi y'ubutabire cyangwa cyo gutunganya amakuru cyangwa itumanaho cyangwa urukomatane rwa bene ibyo bikoresho, gifite ubushobozi bwo gukora imirimo isa no gutekereza, kubara, kohereza cyangwa kubika amakuru harimo ibifasha kubika cyangwa ibikoresho, ibifasha mu itumanaho cyangwa ibikoresho bifitanye isano itaziguye cyangwa bikoreshwa hamwe n'icyo gikoresho. Hakubiyemo ubwoko bwose bw'ibikoresho bya mudasobwa bigira ubushobozi bwo gutunganya amakuru nka telefoni zigendanwa, telefoni nkoreshabwenge, imiyoboro ya mudasobwa n'ibindi bikoresho bishamitse kuri murandasi;

7° **porogaramu ya mudasobwa:** ikomatanyirizo ry'amabwiriza akurikizwa na mudasobwa kugira ngo ikigamijwe kigerweho;

8° **umutekano w'urusobe koranabuhanga:** kurinda imikorere ya mudasobwa ubujura, kwangiza ibikoresho byayo, uburyo bw'imikorere bwayo cyangwa amakuru kimwe no

6° **computer:** an electronic, magnetic, optical, electrochemical or other data processing or communications device or grouping of such devices, capable of performing logical, arithmetic, routing or storage functions and which includes any storage facility or equipment or communications facility or equipment directly related to or operating in conjunction with such device. It includes any type of computer device including devices with data processing capabilities like mobile phones, smart phones, computer networks and other devices connected to the internet;

7° **computer program:** a set of instructions executed by the computer to achieve intended results;

8° **cyber security:** protection of computer systems from theft of, damage to their hardware, software or information as well as from disruption or misdirection of the services they provide;

6° **ordinateur:** appareil de traitement ou de communication électronique, magnétique, optique, électrochimique ou autre ou un groupement de tels dispositifs, capable d'effectuer des fonctions logiques, arithmétiques, de routage ou de stockage et comprenant toute installation ou équipement de stockage ou installation ou équipement de communication directement lié à ou fonctionnant en conjonction avec un tel dispositif. Il comprend tout type de dispositif informatique, y compris les dispositifs dotés de capacités de traitement de données telles que les téléphones mobiles, les téléphones intelligents, les réseaux informatiques et autres appareils connectés à Internet;

7° **programme informatique:** ensemble d'instructions exécutées par l'ordinateur pour obtenir les résultats escomptés;

8° **cyber sécurité:** protection des systèmes informatiques contre le vol de leurs matériel, logiciels ou informations ou dommages à leur encontre ainsi que contre la

kurogoya cyangwa kuyobya serivisi zatanzwe;

9° **urubuga:** ahantu amakuru aboneka ku muyoboro w'amakuru binyujijwe kuri aderesi zihariye**;**

10° **urusobe rw'iyoherezwa koranabuhanga:** porogaramu zose za mudasobwa n'ibikoresho byo gutunganya amakuru, kuyabika cyangwa kuyacukumbura cyangwa byo kuyacunga;

11° **urusobe rwa mudasobwa:** igikoresho koranabuhanga cyangwa urukomatane rw'ibikoresho koranabuhanga bigizwe n'imiterere cyangwa porogaramu harimo ibikoresho byinjiza amakuru n'ibiyasohora bifite ubushobozi bwo gutunganya no kubika amakuru;

12° **utanga serivisi:** urwego rwa Leta, rwigenga cyangwa umuntu ku giti cye biha abakoresha serivisi zabo ubushobozi bw'itumanaho hakoreshejwe mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa cyangwa urundi rwego rutunganya cyangwa rubika amakuru abitse mu buryo koranabuhanga mu mwanya wa nyir'iryo tumanaho cyangwa w'abakoresha bene iyo serivisi.

9° **site:** a place where information is available on an information network through a specific address;

10° **information system:** all software, tools and equipment for the production, storage or processing of data or information or management of data or information;

11° **computer system:** an electronic device or combination of electronic devices composed of hardware or software, including input and output devices with data processing and storage capabilities;

12° **service provider:** a public or private entity or an individual that provides service to users by means of a computer or computer system or any other entity that processes or stores computer data on behalf of such communication service or users of such service.

perturbation ou la mauvaise orientation des services qu'ils fournissent;

9° **site:** lieu où des informations sont disponibles sur un réseau d'information via une adresse spécifique;

10° **système d'information**: tous les logiciels, outils et équipements pour la production, le stockage ou le traitement de données ou d'informations ou la gestion de données ou d'informations;

11° **système informatique:** appareil électronique ou une combinaison des appareils électroniques composés de matériel ou de logiciel, y compris des appareils d'entrée et de sortie avec des capacités de traitement et de stockage de données;

12° **fournisseur de service:** organe public ou privé ou individu qui fournit aux utilisateurs de son service la possibilité de communiquer au moyen d'un ordinateur ou d'un système informatique ou de toute autre entité qui traite ou stocke des données informatiques pour le compte de ce service de communication ou des utilisateurs de ce service.

**UMUTWE WA II: GUKUMIRA IBYAHA BIKORESHEJWE IKORANABUHANGA**

**Icyiciro cya mbere: Inshingano z'utanga serivisi**

**Ingingo ya 4: Inshingano rusange z'utanga serivisi**

Utanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga agomba:

1° gufata ingamba zikwiye zo kumenyesha abakiliya be ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga bibafiteho cyangwa bishobora kubagiraho ingaruka;

2° gushyiraho uburyo abakiriya be batanga amakuru yerekeye ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga;

3° kumenyesha abakiliya be ingamba bashobora gufata mu rwego rwo kwirinda ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga;

4° kumenyesha uwakorewe ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga n'urwego rushinzwe umutekano w'urusobe koranabuhanga ko hari ibyaha byakozwe.

**CHAPTER II: PREVENTION OF CYBERCRIMES**

**Section One: Obligations of service provider**

**Article 4: General obligations of service provider**

An electronic communications service provider must:

1° take reasonable steps to inform its clients of cybercrimes trends which affect or may affect them;

2° establish procedures for its clients to report cybercrimes;

3° inform its clients of measures they may take in order to safeguard themselves against cybercrimes;

4° disclose abuses to the concerned victim and to the cyber security organ that infractions are committed.

**CHAPITRE II: PRÉVENTION DE LA CYBERCRIMINALITÉ**

**Section première: Obligations d'un fournisseur de services**

**Article 4: Obligations générales d'un fournisseur de services**

Un fournisseur de services de communications électroniques doit:

1° prendre des mesures raisonnables pour informer ses clients des tendances de la cybercriminalité qui les affectent ou peuvent les affecter;

2° établir pour ses clients des procédures de signaler la cybercriminalité;

3° informer ses clients des mesures qu'ils peuvent prendre pour se protéger contre la cybercriminalité;

4° révéler les abus à la victime concernée et à l'organe chargé de la cyber-sécurité que des infractions sont commises.

**Ingingo ya 5: Inshingano z’utanga serivisi igihe habayeho ikoreshwa rya mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa cyangwa ry’umuyoboro w’itumanaho koranabuhanga rinyuranyije n’amategeko**

Utanga serivisi wese umenye cyangwa umenyeshejwe ko mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa ye cyangwa umuyoboro we w’itumanaho koranabuhanga biri gukoreshwa mu gukora icyaha giteganyijwe muri iri tegeko, agomba:

1° gutanga raporo ako kanya y’ibyo biri kuba ku rwego rushinzwe umutekano w’ibijyanye n’ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n’itumanaho;

2° kubungabunga amakuru yose ashobora gufasha mu gukora iperereza ku cyaha, cyane cyane amakuru agaragaza inkomoko y’itumanaho, aho rijya, inzira rinyuramo, igihe ribereye, uko ringana, igihe ryamaze cyangwa ubwoko bwa serivisi zijyana naryo.

**Ingingo ya 6: Inshingano z’utanga serivisi mu bijyanye n’amakuru cyangwa ibikorwa binyuranyije n’amategeko**

Umuntu wese utanga serivisi wamenyeshwejwe n’inzego z’umutekano

**Article 5: Obligations of service provider in case of illegal use of computer, computer system or electronic communications network**

Any service provider who is aware or informed that its computer or computer system or electronic communication network is being used to commit an offence provided for in this Law must:

1° immediately report what is being committed to the authority in charge of cyber security;

2° preserve any information which may be of assistance in investigating the offence, including particularly information which shows the communication’s origin, destination, route, time, date, size, duration and the type of the underlying services.

**Article 6: Obligations of a service provider in respect of illegal information or activities**

Any service provider who has been informed by security organs or cyber-security organ of

**Article 5: Obligations du fournisseur de services en cas d’utilisation illégale d’un ordinateur, d’un système informatique ou d’un réseau de communication électronique**

Tout fournisseur de services qui connaît ou prend connaissance que son ordinateur ou son système informatique ou son réseau de communication électronique est utilisé pour commettre une infraction prévue par la présente loi doit:

1° signaler immédiatement l’affaire qui est en train de se commettre à l’office chargé de la cyber-sécurité;

2° préserver toute information susceptible d’aider à enquêter sur l’infraction, y compris particulièrement les informations indiquant l’origine, la destination, l’itinéraire, l’heure, la date, la dimension, la durée de la communication et le type de services sous-jacents.

**Article 6: Obligations d’un fournisseur de services à l’égard d’informations ou d’activités illégales**

Tout fournisseur de services qui a été informé par des organes de sécurité ou par

cyangwa n'urwego rushinzwe umutekano w'ibijyanye n'ikoranabuhanga amakuru cyangwa ibikorwa binyuranyije n'amategeko, agomba:

1° gukura ayo amakuru muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasobwa;

2° guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu serivisi zijyanye n'ayo amakuru cyangwa ibikorwa binyuranyije n'amategeko;

3° korohereza inzego zishinzwe iperereza cyangwa gukurikirana ibyaha, igihe zibisabye, kuziha amakuru akenewe.

**Icyiciro cya 2: Kurinda ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye**

**Ingingo ya 7: Kurinda ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye**

Iteka rya Perezida rigena uburyo bukoreshwa mu kurinda ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye.

Rigena kandi ibipimo ngenderwaho, n'amabwiriza mu bijyanye na:

illegal or harmful information or activity, must:

1º remove such information in the computer or computer system;

2º suspend or terminate services in respect of that illegal or harmful information or activity;

3º facilitate organs in charge of investigations or prosecution, at their request, with necessary information.

**Section 2: Protection of critical information infrastructure**

**Article 7: Protection of critical information infrastructure**

A Presidential Order determines modalities for the protection of critical information infrastructure.

This Order also prescribes minimum standards, guidelines, rules or procedure in respect of:

l'organe de la cyber-sécurité des informati ns ou activités illégales, doit:

1° supprimer ces informations d'un ordinateur ou d'un système informatique;

2° suspendre ou mettre fin aux services à l'égard de cette information ou activité illégale;

3° prêter son concours aux organes ayant l'investigation ou la poursuite judiciaire dans leurs attributions, à leur demande, en leur donnant des informations nécessaires.

**Section 2: Protection de l'infrastructure d'information critique**

**Article 7: Protection de l'infrastructure d'informations critiques**

Un arrêté présidentiel détermine les modalités de protection de l'infrastructure d'information critique.

Cet arrêté prescrit également des normes minimales, des lignes directrices, des règles ou une procédure concernant:

1° kurinda no kubungabunga ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye;

2° imicungire rusange y'ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye;

3° kugera ku makuru ari mu bikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye, kuyahererekanya no kuyagenzura;

4° ibisabwa mu rwego rw'ibikorwaremezo cyangwa rw'imikorere bigamije gucunga umutekano n'ubusugire bw'ireme by'amakuru ari mu bikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye;

5° kubika cyangwa gushyingura amakuru yagenwe nk'ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye;

6° gahunda yo kugarura amakuru haramutse habayeho ibiza, kwangirika cyangwa kubura kw'ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye cyangwa igice cyabyo;

7° ubugenzuzi n'igenzura by'ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye byose, igihe icyo aricyo cyose,

1º the protection and preservation of critical information infrastructure;

2º the general management of critical information infrastructure;

3º access to, transfer and control of data in critical information infrastructure;

4º infrastructural or procedural rules and requirements for securing the integrity and authenticity of data or information contained in critical information infrastructure;

5º the storage or archiving of data or information designated as critical information infrastructure;

6º data recovery plan in the event of disaster, breach or loss of the critical information infrastructure or part of it;

7º audit and inspect any critical information infrastructure at any time to ensure compliance with the provisions of this Law;

1° la protection et la préservation des infrastructures d'informations critiques;

2° la gestion générale des infrastructures d'informations critiques;

3° accès, transfert et contrôle des données qui sont dans les infrastructures d'informations critiques;

4° les règles et exigences en matière d'infrastructure ou de procédure pour garantir l'intégrité et l'authenticité des données ou des informations contenues dans les infrastructures d'informations critiques;

5° le stockage ou l'archivage de données ou d'informations désignées comme des infrastructures d'informations critiques;

6° le plan de récupération des données en cas de désastres, de violation ou de perte des infrastructures d'informations critiques ou d'une partie de celles-ci;

7° l'audit et l'inspection de toutes les infrastructures d'informations critiques à tout moment pour assurer le respect des dispositions de la présente loi ;

hagamijwe iyubahirizwa ry'ibiteganywa n'iri tegeko;

8° ikindi cyose gisabwa mu rwego rwo kurinda, gucunga no kugenzura amakuru n'undi mutungo uri mu bikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye.

## UMUTWE WA III: IPEREREZA RY'IBYAHA BIKORESHEJWE IKORANABUHANGA

### Ingingo ya 8: Inshingano yo gufatanya n'inzego zishinzwe iperereza

Bitabangamiye andi mategeko, umuntu usabwe gukorana n'urwego rushinzwe iperereza cyangwa gukurikirana ibyaha, by'umwihariko agomba:

1° gusubiza ibibazo ibyo ari byose yabajijwe ku iperereza;

2° kubahiriza amabwiriza yose ahuje n'itegeko harimo nko guhishura urufunguzo rwo kwinjira mu rusobe rwa mudasobwa;

3° gutanga amakuru yose akenewe mu iperereza no mu ikurikirana ry'ibyaha.

8º any other matter required for the adequate protection, management and control of data and other resources in critical information infrastructure.

## CHAPTER III: INVESTIGATION OF CYBERCRIMES

### Article 8: Obligation to collaborate with organs in charge of investigations

Without prejudice to other laws, a person who is required to cooperate with the organ in charge of investigations or prosecution must in particular:

1° respond to any inquiry about the investigation;

2° comply with any lawful directions including disclosing access code to a computer system;

3° disclose all data required for the purposes of investigation and of prosecution of an offence.

8° tout autre élément requis pour la protection, la gestion et le contrôle adéquats des données et autres ressources dans l'infrastructure d'information critique.

## CHAPITRE III: ENQUÊTE DE LA CYBERCRIMINALITÉ

### Article 8: Obligation de collaborer avec les organes chargés des enquêtes

Sans préjudice d'autres lois, une personne qui est tenue de coopérer avec l'organe chargé des enquêtes ou de poursuites doit particulièrement:

1° répondre à toutes les questions sur l'enquête;

2° respecter toutes les instructions légales, y compris la divulgation du code d'accès à un système informatique;

3° dévoiler les informations requises aux fins d'une enquête et de la poursuite d'une infraction.

**Ingingo ya 9: Gusaka no gufatira**

Bitabangamiye andi mategeko, urwego rushinzwe gukurikirana ibyaha rushobora, mu gihe hari impamvu zifatika zo gukeka cyangwa kwizera ko mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa rushobora gukoreshwa nk'ikimenyetso cy'icyaha cyangwa ifitwe n'umuntu nk'ikomoka ku cyaha, gutanga itegeko ryemerera:

1° kwinjira ahantu aho ari ho hose no gusaka cyangwa gufatira mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa;

2° kubungabunga umutekano w'amakuru abitse muri mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa yinjiwemo;

3° kwagura ahasakwa hakinjirwa muri mudasobwa cyangwa mu rundi rusobe rwa mudasobwa aho amakuru akenewe abitswe.

Iyo muri mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa rwimuwe cyangwa rwahagaritswe kwinjirwamo ku mpamvu z'isaka cyangwa z'ifatira, umuntu ufatiriye abikorera inyandiko igaragaza urutonde rw'ibintu byafatiriwe cyangwa byahagaritswe n'igihe ifatira ryabereye. Kopi y'urwo

**Article 9: Search and seizure**

Without prejudice to other laws, the organ in charge of prosecution may, in case there exists reasonable grounds to suspect or believe that a computer or a computer system may be used as a proof of an offence or is acquired by any person as a result of an offence, issue an order authorizing to:

1° enter into any premise and search or seize a computer or a computer system;

2° secure the computer or computer system data accessed;

3° extend the search and access a computer or any another computer system where the data being sought is stored.

Where a computer or a computer system is relocated or rendered inaccessible following a search or a seizure, the person who conducted the seizure makes a statement indicating a list of items seized or rendered inaccessible and time of seizure. A copy of the list is issued to the person who has

**Article 9: Perquisition et saisie**

Sans préjudice d'autres lois, l'organe chargé de poursuite judiciaire peut, s'il existe des motifs sérieux de soupçonner ou de croire qu'un ordinateur ou un système informatique peut être utilisé comme preuve d'une infraction ou est acquis par une personne à la suite d'une infraction, donner un ordre autorisant:

1° entrer dans tout lieu et perquisitionner ou saisir un ordinateur ou un système informatique;

2° sécuriser les données informatiques ou du système informatique consultées;

3° étendre la perquisition et l'accès à un ordinateur ou tout autre système informatique où sont stockées les données recherchées.

Lorsqu'un ordinateur ou un système informatique est déplacé ou rendu inaccessible à la suite d'une perquisition ou d'une saisie, la personne qui a saisi le système informatique fait une déclaration de saisie indiquant une liste d'objets saisis ou rendus inaccessibles et le temps de la saisie.

rutonde ihabwa umuntu ucunga mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa.

control over the computer or computer system.

Une copie de cette liste est délivrée à la personne ayant le contrôle d'un ordinateur ou d'un système informatique.

**Ingingo ya 10: Kwinjira cyangwa gukura kopi y'amakuru abitse muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasobwa nyuma y'ifatira**

Umuntu urinda cyangwa ucunga urusobe rwa mudasobwa ashobora gusaba ubushinjacyaha uruhushya rwo kwinjira cyangwa gukura kopi y'amakuru abitse muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasomwa nyuma y'ifatira.

Ubushinjacyaha bushobora kwanga gutanga uruhushya ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, iyo bufite impamvu yumvikana yerekana ko gutanga urwo ruhushya byabangamira iperereza rijyanye n'isaka, irindi perereza riri gukorwa cyangwa ibindi bijyanye no gukurikirana icyaha biri gukorwa cyangwa bishobora gukorwa byerekeye iperereza iryo ari ryo ryose.

**Ingingo ya 11: Guhishura amakuru**

Iyo guhishura amakuru bikenewe ku mpamvu z'iperereza cyangwa z'ikurikirana cyaha, ubushinjacyaha bushobora gutegeka umuntu wese ufite bene ayo makuru kuyahishura.

**Article 10: Accessing or retrieving a copy of computer or a computer system data on the system after seizure**

A person who has custody or control over the computer system may request organ in charge of prosecution, the permission to access or copy computer data on the computer or computer system after seizure.

The prosecution authority may refuse to issue a permission mentioned in Paragraph One of this Article, if it has reasonable grounds to believe that giving the access or providing the copy may constitute a prejudice against an investigation in connection with the search, any other ongoing investigation or any criminal proceeding pending or that may be instituted in relation to any investigation.

**Article 11: Disclosure of data**

If the disclosure of data is required for the purposes of a criminal investigation or the prosecution of an offence, the prosecution authority may issue an order to a person in

**Article 10: Accès ou extraction d'une copie des données d'un ordinateur ou d'un système informatique sur le système après la saisie**

Une personne qui a la garde ou le contrôle du système informatique peut demander à l'organe chargé de poursuite judicaire, l'autorisation d'accéder ou d'extraire les données sur l'ordinateur ou le système informatiques après la saisie.

L'organe de poursuite judicaire peut refuser de donner l'autorisation prévue à l'alinéa premier du présent article s'il a des motifs raisonnables de croire que donner l'accès ou fournir la copie peut constituer un obstacle contre une enquête en rapport avec la perquisition, une autre enquête en cours ou toute procédure pénale qui est en cours ou qui peut être engagée relativement à toute enquête.

**Article 11: Dévoiler les données**

Si dévoiler les données est requis aux fins d'enquête ou de poursuite d'une infraction, l'organe de poursuite judicaire peut prendre

possession of such data compelling him/her to disclose such data.

une décision obligeant toute personne en possession de telles données de les dévoiler.

Iyo ikirebwa n'iperereza kigizwe n'amakuru abitswe muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasobwa, ubitse ayo makuru asabwa kuyatanga cyangwa kwemerera kwinjira mu makuru mu buryo bushobora gutuma ayo amakuru ajyanwa, agaragara, kandi asomeka.

If a material to which an investigation consists of data stored in a computer or computer system, the request is considered to require the person to produce or give access to that data in a form in which it can be taken away and in which it is visible and legible.

Si l'enquête se rapporte aux données stockées dans un ordinateur ou dans un système informatique, il est demandé à la personne qui garde les données de les produire ou de donner accès à ces données sous une forme dans laquelle elles peuvent être retirées et dans laquelle elles sont visibles et lisibles.

**Ingingo ya 12: Kubungabunga mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa**

Iyo hari impamvu zituma nta gushidikanya ko mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa rukenewe ku mpamvu z'iperereza rushobora kubura cyangwa guhindurwa, ubushinjacyaha bushobora gutegeka umuntu ucunze iyo mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa kuyibungabunga mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30). Icyo gihe gishobora kongerwa inshuro imwe gusa iyo bibaye ngombwa.

**Article 12: Preservation of computer or computer system**

If there are reasonable grounds to believe that a computer or computer system that is required for the purpose of investigation is likely to be lost or modified, the prosecution authority may issue an order requiring the person in control of such a computer or computer system to preserve it for a period not exceeding thirty (30) days. Such period may be extended once if considered necessary.

**Article 12: Préservation d'un ordinateur ou d'un système informatique**

En cas de motifs sérieux de croire que l'ordinateur ou le système informatique requis aux fins d'enquête est susceptible d'être perdu ou modifié, l'organe de poursuite judiciaire peut exiger d'une personne ayant le contrôle de cet ordinateur ou de ce système informatique de le préserver pendant une période n'excédant pas trente (30) jours. Cette période peut être prolongée une fois si cela est jugé nécessaire.

**Ingingo ya 13: Guhishura no kwegeranya amakuru anyuzwa mu muyoboro koranabuhanga**

Iyo hari impamvu zituma nta gushidikanya ko amakuru anyuzwa mu muyoboro koranabuhanga akenewe ku mpamvu z'iperereza, ubushinjacyaha bushobora gutegeka umuntu wese ufite ayo makuru anyuzwa mu muyoboro koranabuhanga:

1° guhishura, kwegeranya no gufata amakuru anyuzwa mu muyoboro koranabuhanga afite aho ahuriye n'itumanaho runaka mu gihe cyagaragajwe;

2° kwemerera no gufasha urwego rufite iperereza mu nshingano zarwo gukusanya no gufata ayo makuru.

**Ingingo ya 14: Icyemezo cy'urukiko**

Iyo umuntu ubitse amakuru cyangwa ibimenyetso by'agaciro by'amakuru adashaka gukorana n'inzego z'iperereza mu kuyahishura cyangwa kuyabungabunga, ubushinjacyaha bushobora gusaba urukiko ko rutegeka uwo muntu guhishura cyangwa kubungabunga ayo makuru.

